INGINGO ZIFATIKA

Buri kigo kigera ku nyungu zishimishije mu gihe gishingiye ku ngingo zifatika.

IHAME RY' ICYUMWERU

Mfite ingingo zifatika! Mbega amagambo aremereye. Ingingo zifatika ntizigomba kwirengagizwa kuko izo ngingo zigaragaza uko ibintu bimeze cyangwa mw' ishusho y'ukuri. Ingingo zifatika mu magambo cyangwa imibare ni amakuru atwegereza ku kuri. Mw' isi y'uruhando rw'abucuruzi , imibare niyo igaragaza uko ishoramari ryifashe/ rihagaze. Dufata ibyemezo bitoroshye , gusa tugamije kugera ku nyungu hifashishijwe impamvu zifatika n' imibare yatangajwe. Ni by' ingenzi yuko twagira/ twakora ibyegeranyo biboneye kuko bidushoboza gufata ibyemezo.

Ntidushobora gupanga neza cyangwa ngo dukore neza tutifashishije ingingo zifatika. Ntabwo kandi dutangira umuryango , ubucuruzi cyangwa ikigo tuzi ingingo zose zibukubiyemo; ntawabishobora, usibye ko ari by' ingenzi ko twakusanya ingingo nyinshi zifatika mbere yo gupanga byinshi. Ibitekerezo byinshi bidafite inshingiro bizatuma dukora amakosa mu mishinga yacu ariko mu gihe twashyize hamwe ingingo zifatika, tubona akanya ko kongeraho ibintu bike. Naho izindi mpamvu zizagenda zitwihishurira, ni uko dusigarane akazi ko gukosora aho bibaye ngombwa.

Imibare n'ingingo zifatika ntabwo igihe cyose bigaragaza ishusho nyayo. Ntidushobora kwibeshya ko dushobora kugaragaza ukuri tutitwaje izo ngingo zifatika bityo rero niyo mpamvu tugomba gutara amakuru avuye ku mpande zose bitari gusa ku ruhande rumwe.Rimwe na rimwe twitiranya ijambo ukuri n' ingingo zifatika. Mu gihe umuntu aduhaye amakuru , tugomba kubyitondera kuko ntabwo ayo amakuru yose aduha ukuri nyakuri cyangwa ishusho nyayo. Rimwe na rimwe umucuruzi akunda kwibanda ku ngingo zimwe gusa ku gicuruzwa kugira ngo acuruze, hanyuma tukabona ko yakabije gutaka izo ngingo yavuze ndetse hari nizitavuzwe. Muri make ukuri ni igicumbi cy' ingingo zifatika,hatibanzwe ku ngingo zimwe gusa. Bityo rero ingingo zifatika ntizigomba kwirengagizwa kuko zitwerekeza ku kuri.

Kugendana nizo ngingo zifatika nibyo byubaka ubucuruzi. Izo ngingo zidufasha kugera ku nyungu; bityo rero imibare ya buri cyumweru ifatiye runini ubucuruzi. Izi ngingo zikaba incamake z' ibintu byakozwe tuvuge nko kubyacurujwe, abakozi bishyuwe hamwe ni amafaranga yakoreshejwe mu mirimo ya kazi. Buri murimo cg urugo rugomba kumenya niba bakora neza cyangwa nabi hamwe n' iterambere bagezeho. Amakuru mabi ashobora kubyara amakuru meza kuko aduha akanya ko kwisora aho bitagenda neza. Izi ngingo rero, zaba inziza cyangwa imbi zigomba kutwiyereka buri gihe maze ziduhate guhinduka nuko dukosore amafuti yacu. Mu gihe tudafite izo ngingo rero dushobora kuba tubyina tuvamo tutabizi maze bikabura igaruriro.

INYUNGU

1. Aha tuzashobora gukora umupango muzima, dukore birushijeho kandi duhangare myitwarire imwe n' imwe hamwe ni ngaruka zazo. Nta muntu ni umwe wigeze atangira umushinga cg ikigo yitwaje ko azi ingingo zose zifatika, bityo rero niyo mpamvu tugomba gukusanya amakuru yose ashoboka.
2. Bizadufasha kwegera ukuri maze tunafate ibyemezo bishingiye ku makuru meza, yumvikana kandi abonekera buri wese.
3. Buri cyo twubaka cyose , kigomba kuzamukira ku kuri. Ingingo zihamye /zifatika zitugeza ku kuri maze rero bikatubera umusingi wo twubakiraho imirimo yacu.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Kusanya kandi unabike buri munsi, cyumweru, kwezi ndetse na buri mwaka imibare ifasha kugenzura imishinga yuko ibihe bigenda bisimburana.
2. Kora inyigo kuri iyo mibare wifashisha imbonerahamwe. Nyuma yabyo uzashobora kubona intambwe, ubushobozi hamwe ni amahirwe.
3. Itoze kwakira vuba. Kuko imipango isaba umuntu wimenyereza vuba. Maze uko uzakomeza kujya mbere, niko uzagenda utahura ko ibintu bitagenda nkuko ubyifuza. Bityo bigusabe gusubiramo imibare

Inzira ni mikorere y'
INGINGO ZIFATIKA

ukosore aho biri ngombwa.

4. Gira imyumvire ku makuru mabi. Birashoboka gukoresha ibihe bikomeye kugira ngo twige kandi twikosore. Iyo ufite ububabare ni ikimenyetso ko bitagenda neza mu mubiri wacu, rero amakuru adashimishije ashobora kukubera impamba mu nzagihe/ ejo hazaza.

5. Ntuzigere wirengagiza ukuri, ingingo zifatika cg imibare/amakuru. Muri iki gihe isi yacu yihuta kandi ihindagurika, kwirengagiza ingingo zifatika no gutinda gukosora bishobora kutuganisha mu kaga mu nzagihe. Bivuze ko ingingo zifatika ntizabura kubaho kuko abantu bazirengagiza.

6. Bityo rero hangara izo ngingo zifatika, kuko zibereyeho kugufasha ntabwo zibereyeho kukubabaza. Ntuzabe nka wa mugabo wavuze ngo "si nzava ku izima, ni uko rero winjijisha nizo ingingo zawe."

7. Ntuzigere utegereza kugeza ubwo wumva ko ufite ibisubizo byose washakaga kuko ushobora kwibwira nkaho uzi buri kimwe kugira ngo ukore byose. Kugira icyerekezo si kimwe no kugira ibisubizo byose. Buri ntambwe utera ikenera ukwizera kwawe.

Muri iki gihe isi ni ubukungu bwayo birahinduka, kwirengagiza ingingo nk' iyi maze ukinangira kwikosora bizana akaga. Leta zunze ubumwe za basoviyete barabyirengagije maze ubumwe bwarangaga ibihugu byabo burasenyuka. Umwenda uremereye w' ibihugu, ubukungu byayobowe nabi hamwe ni indanga gaciro zononekaye ni ingingo zidashobora gutambuka nta buryoze/ igihano. Zimwe muri izi ngingo zakabaye zararebewe izuba mu myaka yahise. Amafuti ntahanuka icyarimwe; ahubwo aroroka bitewe no kwirengagiza ingingo zifatika buhoro buhoro. Bityo kwirengagiza, kutita ku bintu cg umutima winangira akenshi bikurura akaga. Izi ngingo zifatika rero zifite akamaro mu gufata ibyemezo haba none cg ejo hazaza.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ubona hagati y'ukuri n'ingingo zifatika hari itandukaniro rihe?
2. Ese hari igihe wigeze ushaka guhunga cg kwirengagiza izi ngingo zifatika?
3. Ese ni buryo ki usuzuma umusaruro wawe wa buri cyumweru?
4. Ese waba warigeze kubeshywa kuko wari ufite zimwe mu ingingo zifatika ariko zidafite ukuri kwose?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			